1. **GASIMBA Cléophas**: abamuzi bamwibazaho byinshi, cyane ku byerekeye kuba icyitso cy'Inyenzi. Uroye amasano ye na **KABERUKA Aloys** (voir **KANGURA** n° 7) akaba mubyara we. Umwe mu bacuruzi bashyizwe ahagaragara na Préfet w'Umujyi wa Kigali, yari mu bagombaga guherekeza **KIGELI** atahutse mu Rwanda. Iyo uroye, umugore we ni mushiki w'umuntu witwa Valère (wakoraga mu bya douane i Cyangugu) yarafashwe arafunzwe. Uyu Valère yarongoye umukobwa wo mu Ruhengeri kwa Janvier waba waratahuweho kuba Inyenzi, ndetse abana be babiri umukobwa witwa (Françoise) n'umuhungu bita Yves le conard bafashwe rugikubita, none barafunzwe. **GASIMBA** uyu imibereho ye itangaza benshi. Muzaperereze murebe uko yageze muri APE Rugunga, muzatubwira impamvu yamuvanye i Rambura ikitaraganya. Iperereza muzakora rizagaragaza byinshi kuri uyu mugabo **GASIMBA**. Abamuzi muri Collège Inyameramihigo bababwira ukuntu yacaga uduco mu banyeshuri n'ibindi byinshi....

2. **NKUBITO KABATSI Martin**: abamuzi bamukeka amababa. Muzaperereze mutubwire aho yize école secondaire, hanyuma mumenye impamvu yagiye kwiga muri Zaire, cyane cyane impamvu yagiye i Bukavu akajya i Kisangani. Iryo yimuka rizagaragaza byinshi. Ibyo bizatuma mumenya n'impamvu yahinduye izina (voir **Journal Officiel** ntibuka n°). Aha muzareba niba ubwoko buri mu iranga-muntu ye buhuye n'ubwoko bwe nyakuri. Iperereza rye rizatuma mumenya impamvu z'ingendo ze sidasiba ku **KABAYA** n'abo yabaga agiye kureba. (directeur wa prison na Inspecteur du commerce) aba bombi nabo bakakwa amababa.

Muri dossier ya **NKUBITO**, muzarebe niba atazi neza uko **SEBAGABO MUCYURABU-HORO Jean** na **SEBIHOGO UWAMUNGU Paul** bavuye i Rambura bakagera muri Zaire (i Masisi aho bibereye), dore ko **NKUBITO** afite imodoka. Abo bagabo baratorotse i Rambura aho bigishaga. Iperereza muzakora rizagaragaze n'impamvu y'imishyikirano ya buri gihe hagati ya **NKUBITO** na **KAYIBANDA Justin**. Icyo bashakira kugeraho cyane cyane ikibahuza. Kuri **NKUBITO** muzarangiriza ku mubano afitanye na **Muganga wa Centre de Santé i Rambura**. Icyo bahuriyeho n'icyo bashakira kugeraho, cyane cyane iyo birirwa kuri telefone iri kuri **Centre de Santé bakwiza impuha hirya no hino mu gihugu**. Muri iyi dossier byaba byiza mushyize ku mugaragaro imishyikirano yari hagati ya **NKUBITO** na **MUVUNYI Augustin** (wigishaga muri **Ecole Sociale i Rambura**) yarafashwe arafunzwe. Ndetse muzitonde mumenye abantu bose bagiye bakorana amanama kwa **GASIMBA Cléophas** no kwa **MUVUNYI Augustin** (haba nijoro cyangwa ku manywa) mbere y'uko Inkotanyi zidutera.

Umwanzuro bizabagezaho muzamenya impamvu igihe Inyenzi zateraga uwo munsu **MUVUNYI** na **KALINGANIRE Charles** biriwe bambaye amakoti (nk'abafite umunsi mukuru).

3. Abantu barifuzaga kumenya impamvu aba bakurikira bavuye i Rambura mu kanya gato cyane mbere y'uko Inyenzi zidutera. icyabajyanye ndetse n'uwabahaye mutation. Abo ni aba: **RUTAKAMIZE Joseph**, ubarizwa ubu muri Eto Kibuye; byaba byiza mubanje kureba ubwoko bwanditse niba ari bwo koko. Ubundi mukareba ibyo yasize ahoze i Rambura aho yari Préfet des Etudes, ko ntaho bihuriye no kuzana umwuka mubi mbere y'uko Inyenzi zitera.

4. **KAMUGUNGA Boniface** nawe mukareba n'ubwoko avuga ko ari

ubwe ari byo koko. Ukuri kugashyirwa ahagaragara maze bamwe bagasubiza ubuhutu bw'abahutu bakagumana ubututsi bwabo. Kuri uyu **KAMUGUNGA** mukareba neza icyamuvanye i Rambura icyo yahungaga.

5. **KAGUBALI Jean Pierre**: mukabanza kumenya niba ataziranye bihagije na **NYIRANEZA Beata** wo muri Shyamba (Butare). Muri rusange n'ukugenzura icyabavanye i Rambura bombi.

6. **GAHONGAYIRE Marie Josée** (bavuga ko mukuru we witwa Bernadette wakoraga kuri Préfecture Gisenyi Service Agricole, ubu akaba yibera mu Bubiligi) yavanywe n'iki i Rambura. Imishyikirano ye na **GASIMBA** na **MUVUNYI** yari ishingiyeye kuki? Cyane cyane mbere y'intambara.

7. **BUDARAHAMANI Léopold**: wagiye i Burundi atorotse Rambura, ngo yaba yarajyanye na **BAYI-GAMBA Alexis** (voir **Kangura** n° 7) wari ufite quincaillerie **NOVA**, bakaba bari inshuti cyane.

8. **UWABABYEYI Clémentine**: bavuga ko musaza we witwa Clément wayoboraga Station ya **ELECTROGAZ** i Butare yafunzwe kubera uruhari yari afite mu by'Inkotanyi. Uyu Clémentine nawe mwareba imishyikirano ye na **GASIMBA** na **MUVUNYI** icyo yari ishingiyeho.

9. Abashinzwe Ibiro by'Iperereza mwazagenzura neza umuntu witwa **NTAKIRUTIMANA Evariste**. icya mbere mukamenya niba ari umunyarwanda koko, cyangwa niba adafite inkomoko i Burundi. We yivugira ko ari umunyabutare.

Icyo kabiri mukagenzura impamvu y'ingendo ahoramo i Burundi ngo muri East Africa (Kenya — Tanzania) ndetse ngo no muri ibi bihe twugarijwe n'umwanzi. Cyane cyane mukamenya aho yakuye iyo Passeport agenderaho. Aha rero niba yibeshyera avuga ko avuye iyo mu mahanga, nabyo mukareba impamvu yibeshyera ako kageni, icyo aba ashakira kugeraho.

KA02 1290

Iperereza muzakora rizashyira ahagaragara icyo abantu bashatse kugeraho n'uruhare bari bafite muri kiriya gitero cy'Inyenzi-Nkotanyi. Kuko byaragaragaye ko umugambi w'Inyenzi

bari bawufite. **Uwo mugambi wo kuzana amacakubiri mu bantu, (babeshyaga abandi, bateranya abandi, basebanya), ibyo bikazana umwuka mubi.**

Iki kibazo tugishyize mu maboko yanyu kubera ububasha, ubushobozi n'ubuhanga muzabikorana.

KANGURA

KA021290

BARATUNGIRA AGATOKI IBIRO BY'IPEREREZA

IMPUNGENGE ABATURAGE BAMWE BAFITE BABONA UTU-NAMA TWA BAMWE BAKORERA KWA KANYABUGOYI Fidèle (Umuntu yakwita agatsiko)

Ababibona kandi bahereye ku bihe bibi turimo, bibaza impamvu buri wa gatandatu, buri cyumweru, cyangwa buri minsi mukuru, ndetse n'utugoroba tumwe na tumwe mu minsi isanzwe, kwa **KANYABUGOYI** Fideli haba hateraniye amamodoka ndetse hakaba n'ubwo muri salon y'awe abantu basaguka cyangwa se haba hali ikindi kitazwi, kuko bamwe baba buzuye inyuma mu gikari kandi b'abagabo, abandi muri salon kandi ubwoko bumwe gusa.

Undi utahasiba, kandi abantu bibazaho byinshi ni nka **KARENZI**

Pierre (**Comité Centrale**) mbere ababibona **bakakaga ko baje gukeza umubyeyi wari wabyaye (Mme Kanyabugoyi), ariko byaje gukomeza none utunama twa buri gihe tukaba tutumvikana.**

Indi **impamvu ari amayobera**, ni uko abajyayo **nonho ubu basigaye baza mu mamodoka, bayasiga hirya hino muri bene wabo, nyuma bakaza muri imwe cyangwa bamwe bakaza ku maguru bajijisha, bakakora utunama twabo ubutegetsi butaramenya. Kubona se abantu buzuye inzu no mu gikari kandi bahishe amamodoka bajemo, umuntu wundi yakeka iki?**

Umugore w'umupfakazi (wa nyakwigendera **NYAMUCAHA-KOMEYE**) witwa **MUKANGANGO** yaba abafasha mu bidashobora

gukakwa. Ndetse n'umwuzukuru w'uwo mukecuru wiga mu wa munani ku Kicukiro, uwamukurikira neza, cyangwa akoresheje kubimubaza, dukwaga ko atabura icyo amukuramo cyabo.

Iby'utwo tunama tumaze kubonwa na benshi, ndetse bamwe bibaza impamvu ubutegetsi bwo hejuru butabizi. Bibaye byashoboka, ubutegetsi bushinzwe iperereza, bwabihagurukira, bukabyigenzurira, cyane cyane muri iriya minsi n'ariya masaha twavuze haruguru. Ikindi, nuwakora anketi kuri uriya muboyi wo kwa **KANYABUGOYI**, ntiyabura kubisobanura.

Abaturanyi ba Kanyabugoyi, nibo cyane cyane babyibazaho byinshi. Muri make ubutegetsi bubishinzwe bwabikurikirana.

Abaturage ba Kicukiro

KANGURA IRAKOMEZA GUTUNGIRA AGATOKI IBIRO BISHINZWE IPEREREZA

Ba Nyakubahwa mushinzwe iperereza,

Uru rwandiko tubandikiye muri iyi numero 12 ya **KANGURA**, turugize rugufi kubera ko ubutaha tuzabaha ibimenyetso simusiga bya bamwe mu bategetsi bigira nyoni-nyinshi. Ndetse n'abaturage batugambaniye muri ibi bihe bikomeye.

Ba Nyakubahwa mushinzwe iperereza, mwari muzi ko abantu bamwe bo mu Rwanda bagitanga umusanzu mu Nkotanyi? Uwo musanzu akaba ari wo Inkotanyi ziguramo amasasu yo kuturasisha? Twiyemeje kuzababwira abatanga uwo musanzu. Iki kibazo dukwaga ni uko abo tumaze kubona ari abatutsi, tukaba tugipereza ngo tumenye niba hari abahutu nabo baba batanga kuri ayo maturo yo kugura amasasu. Gusa mu gihe tutaragera ku ndunduro, bimaze kugaragara ko abahutu bagiye mu Nkotanyi, bakaba baratugambaniye. icyabajanyeyo rero, nta kindi ni

ugukunda ifaranga kuruta uko bakunda Igihugu cyababyaye. Ku buryo dufite ibimenyetso bigaragara ko hari abahutu, Inkotanyi zari zemereye amafaranga, ariko zitayabaha intambara igatera nta n'igiciri bari babona. None bamwe muri abo nibo badufasha mu gutahura bene wabo batugambaniye. Ba Nyakubahwa mushinzwe iperereza, ko twakomeje kubabwira ko ku Gisenyi imbunda zahabazwe zitafatwa kugeza magingo aya, tukababwira byinshi ku witwa **RWEMALIKA** umucuruzi ukomeye wo ku Gisenyi, mwebwe mwabikozeho iki? Ese aho mwaba mwaributse ko umuvunjyayi witwa **GATALI Tharcisse alias Mafene** ukomoka i Gatumba ari we uvugwa cyane mu batutsi batanga amafaranga yo kugura amasasu? Hanze aha biravugwa ko ari we bayanyuzaho, maze nawe akayohereza ku bashinzwe kugura amasasu yo kuturasa. Ubu turi kumukoraho iperereza we n'agaco ke tuzatangaza bidatinze. Gusa

nimutabikurikiranira hafi, Gisenyi izarimbuka mwicecekeye.

Ba Nyakubahwa mushinzwe iperereza, aho mwaba muzi uwitwa **BUROKO** uba i Kigali, akaba yiyita ko akomoka mu Ruhengeri icyo akora? n'uwo akorera? Ese ko yiyita mwene **RUSINGIZANDEKWE** Otto, aho namwe niko mubizi? Ibimuvugwaho ni byinshi, nimutabikurikirira hafi ntibizagira igaruriro nawe. Ibiro ntaramakuru **GISENYI-INFO** biri gukora dosiye ye. Turebe uwitwa Stany ukora muri **MININTER** ibimuvugwaho. Stany afite bashiki be i Bujumbura, akaba yarigeze kujya n'i Kinshasa, akaba ari we usa n'ushinzwe sensibilisation. Kuva hariyeho kuba igitero aba yamaze kubimenya. Igihe badutera bwa mbere, yamaze icyumweru adakora, uwashaka yabaza abakora muri **MININTER**. Barumiwe ndetse turibaza abo yaba akorera.

KAGOYIRE Anociata, we wagira ngo ashinzwe gusebya Igihugu. Ubwe

yarivugiyeye ngo : « basabye kugaruka mu gihugu cyabo muranga, none mutangiye kurira musaba imbabazi? Ese barashyira imbunda hasi kubera iki? Baje bazitwaje ngo abo bana turabizeye».

MUKANTAGANZWA Domitila we, ngo mu Rwanda hari ivangura ry'amoko kurusha muri Afrika yepfo. Abo uko ari batatu bafite ikipi ibafasha mubyo bakora ukurikije ukuntu birirwa basiragira muri za Ministeri zo ku Kacyiru.

Dore bamwe twashoboye kumenya :

1. MUGUGU Montfort.

2. **GASHAGAZA Gaspard**. Turasaba ko mwakurikirana tukamenya abo bakorera, kuko bikabije.

Ntitwarangiza tutabamenyeshye ko iyi miryango yagiye mu Nkotanyi. Ariko uwitwa **GATALI** alias Mafene akaba azi irengero ryayo.

1. **GAHAMANYI** + umugore + abana 4

2. **NDAGIJIMANA** + umugore + abana 4

3. **MUKAMUHIGIRA** + NYIRANDEGEYA

4. **MUKOTO** + umugore + abana 2

5. **NKUNDAKOZERA**.

6. **MUJYENAMA** + umugore + abana 2

7. **BAGANIZI** + umugore + abana 3

8. **KABUTA**

9. **HABARUGIRA** + umugore + abana 3

10. **GAFUKU** + umugore + abana 3

11. **NYIRABUSHAKA** + abana 2

12. **BAJEGUHAKWA** + umugore + abana 5

13. **HABIMANA** + umugore + abana 2

bose hamwe ni 53, bose batorotse bavuye ku Gisenyi.

ESE GUHINDURA UBWOKO KU IRANGAMUNTU SI IKOSA?

Kuva aho revolution yo muri 1959 itsindiye, abantu benshi bo mu bwoko bw'abatutsi bagiyeye bahindura ubwoko mu irangamuntu, bakigira abahutu ku izina.

Iyo ngeso yo guhindura ubwoko bw'abatutsi yagiye ikorwa ahanini n'abategetsi ba Komini, hamwe na hamwe babifashijwemo n'abaperefe.

Niyo mpamvu Komini Mutura, Rwerere na Rubavu zabaye indiri z'inkotanyi kubera kwinjiza impunzi ku buryo bunyuranije n'amategeko kandi bakazihindurira ubwoko.

Iri hindura ry'amoko rero, rikwiye kwibazwaho byinshi:

1) Kuki abatutsi bashakira kwigira abahutu ku izina? Kwaba ari ukwanga ubwoko bwabo, bakikundira kuba abahutu? Oya, tuzi ko abatutsi bakunda ubwoko bwabo, kandi bakabukuzanya ngo nibwo bwiza. Ahubwo baba bashakira kwiyobereyanya kugira ngo babone uko baca hasi abahutu, bagere ku ntego zabo tuzi ko atari shyashya.

2) Kuki leta icira agati mu ryinyo imbere y'ihindura ry'amoko? byaba ari uko iryo hindura atari ikosa cyangwa se ni ya ndwara y'umuraramo abategetsi bacu barwaye? Ku bwanjye guhindura ubwoko ni ikosa kubera impamvu zikurikira:

• Iranganiza ry'amoko mu mashuri: Politiki y'Igihugu ishingiyeye

ku iranganiza ry'amoko ndetse n'uturere mu mashuri. Njye mbona iyi politiki ari nziza. Abayirwanya ni abazi ko ari abahanga kurusha abandi. Niyo mpamvu usanga abatutsi bayirwanya cyane. Muzarebe ibaruwa yanditswe na Padiri NTAGARA na bagenzi be mu Kinyamakuru «IJAMBO». Kubera ihindura ry'amoko rero, abatutsi biyita abahutu, politiki y'iranganiza yarapfuye. Ntegereje uzanyomoza! Niyo mpamvu usanga hamwe na hamwe mu mashuri, abatutsi (abagumanye ubwoko bwabo - abahinduye) ari 80%. icyakora nta mugayo, kuko n'abakora iryo ringaniza ari abatutsi bigize abahutu. Nyamara ukumva inkotanyi zivugaga ngo abatutsi biga ni 1%. Birababaje!

• Iryo kosa riboneka no mu gutanga akazi mu nzego nkuru z'ubutegetsi bw'Igihugu no mu yindi mirimo ya leta. Aho naho abatutsi benshi bigize abahutu bafite imyanya ikomeye. Ariko inkotanyi ziti nta mututsi uba Minisitiri, Perefe, Superefe.....

Njye mbona rero, aho guha akazi k'ubutegetsi ibirumirahabiri, kahabwa uwemera ubwoko bwe, kugira ngo iranganiza ryemerwe. Kuko burya kurwanya ivangura ry'amoko si ukuyakuraho, ahubwo ni ukwemera ko ariko kandi ko hari ikibazo. Iyo hari ikibazo, niho n'umuti ushakwa. None se tuvuye nka wa murundi uherutse kwandika muri «LE VOLCAN» yo kuri

Goma ngo i Burundi hari ubwoko bumwe bw'abarundi, kandi ngo mu Rwanda tugomba gukora nka bo kugira ngo tugire amahoro. Ni akumiro!

Muri iryo hindagura ry'amoko risa n'iryabaye isibaniro, uretse mu mashuri no mu butegetsi, hari ingero nyinshi ziteye ishozi. Reka mbabwire rumwe muri zo. icyakora nta mugayo umenya atari ikosa! (Pourtant la falsification des documents constitue une infraction punissable)

Hari umugabo witwa NZAMUYE Jonas, ukomoka muri Komini Kidaho, akaba umucamanza mu rukiko rwa Superefe giturura ya Kabaya (Gisenyi). Uyu NZAMUYE ni umuntu, warongoye umututsikazi ukomoka muri Komini Mushubati (Gitarama) mu mwaka wa 1974. Si icyaha.

Icyaha mbona ni iki:

NZAMUYE amaze kurongora, yimuye umuryango w'umugore we (abatutsi) awutuzanya muri Komini Kidaho (segiteri Rugarama), ahita abaka ubututsi bwabo, abagira abahutu bose (nyina w'umugore, bene nyina na basaza be). NZAMUYE yabonye guhindura ubwoko gusa bidahagije, nibwo yongereyeho amarorerwa akurikira:

— Afata ikiri Nyirabukwe, amushyirangira se, (RUNIGA); atari ukumurongora ariko, ahubwo amwandikisha mu irangamuntu ye. Ariko nabwo ni ukumurongora!

— Baramu ba NZAMUYE (barumuna na basaza b'umugore we) banditswe kuri bene nyina wa NZAMUYE, aribo: NKABURA, NGAYABAREZI na BUTOZI. Nka musaza w'umugore wa Nzamuye witwa MUSOMINARI wigeze kwiga mu ishuri ry'ubuvuzi i Kigali (EAM) akirukanwa mu mahane yo muri 1973, byanditse ko akomoka i Mushubati, yagizwe mwene

NGAYABAREZI. Uyu NGAYABAREZI ni Conseiller wa Segiteri Rugarama, naho Musominari ni Umupasitoro.

NONE SE GUHINDURA UBWOKO BIKOMEZE GUFATWA NK'UMUCO MWIZA?

Ntaho twaba tujya kuko nubwo amoko azakurwa mu irangamuntu si

mbyanze, ntibishaka kuvuga ko nta muhutu, umututsi, umutwa uzabaho. Ese none Abawalo (wallons) n'Abafarama (flamands) ntibariho? kandi buri wese yishimira kuba mu bwoko bwe.

Nizeye ko Demokarasi ishingiyeye ku mashyamba menshi izabonera iki kibazo umuti.

MUZUKA CYANGWA MUZIMU NI UMUTIMA WA «LE VOLCAN»

Akenshi ukuri guhiga ikinyoma. Nubwo umuntu yaba intyoza ku kinyoma, undi akaba ikigwari mu kuri, mu ntambara y'amagambo igihe ni cyo kiba kirekire, ariko amaherezo hagatsindwa intyoza y'ikinyoma. Igatsindwa ari intwari mu mwuga wayo, aka rwa rugamba rugiyeye kera...

Ni «ZOMBIE»

Dufite umuntu wahishwe n'ikinyamakuru cyo muri Zaire cyitwa «L'analyste» cyo ku ya 2 Gashyantare 1988. Ubu hashize imyaka itatu. Cyakora bamukoze aka ya mbwa ihisha umutwe gusa, kuko bamuvuyeho bamwita «QUIDAM». Bigasobanura uwo badashaka kuvuga ku buryo bweruye. Uwo muntu bavuze icyo ari cyo, ibyo akora n'aho akomoka, mbese icyo batanditse ni amazina ye gusa, ku buryo umaze gusoma inyandiko imwerekeyeho, hepfo wakongeraho aya magambo: «Findura uwo ari we».

Abari basanzwe bamuzi rero bahiriwe n'ubwo bulinda. KANGURA nayo iri mu bahiriwe. Ubwanditsi bwa «L'analyste» bugira butya bugashakira wa muntu wacu akazina ariko «Le Zombie» Mu by'ukuri «Zombie» ni ijamba rikoresheya mu rurimi rw'igifaransa ariko rigakomoka mu birwa bya Antilles, aho mu kwemera kw'abaturage baho risobanura umuzimu. Tuvuye rero ko duhishiye umuzimu.

Bamuhaye iryo zina kuko yigeze kujya mu muryango w'ubwishingizi wo mu Bubiligi, abonye aramutse aputuye haboneka amafaranga ishyano ryose, noneho aripfusha. Impapuro zemeza ko yapfuye ziratangwa. Muri icyo gihe cyo kwipfusha yabaye yihishe, maze umugore we ajya kuyora ibyo yatoraga mu Bubiligi. Kuri icyo gikorwa havugwa ko umugore yafashijwe n'Umubiligi wakoraga muri icyo sosiyete y'ubwishingizi. Wa muntu wacu n'ubwo

yari mu bwihisho, ntiyari ku mugaragaro ngo ategereze urupfu nyarwo atigeze asezerana narwo. Ni bwo rero ageze aho agasubira ahagaragara, noneho abamubonye bakamwita muzuka cyangwa muzimu. Nguko aho «L'analyste» yamwize le Zombie. Si byose?

Ni umusemburo wa le Volcan

Ubuzayirwa bwe muri icyo «L'analyste» barabuhakana mu kuri, kuko yize muri Collège ya kera yari muri Astrida (Butare) akahava ari nkundamatungo wihishe muri nkundumutungo. Abazungu b'Ababiligi baje kumwoherereza i Katanga (Shaba) gukora. Iyo urebye impapuro yahemberwagaho icyo gihe usanga bigaragara ko ari umunyamahanga, yahembwaga mu madovize. Ni umunyarwanda rero.

Nyamara nyuma y'uko Zaire ibona ubwigenge yahise abona ubwenegihugu mu buryo butemewe n'ubucamanza, maze yibera umuzayirwa mu bandi.

Niba ari ukubera yize icyo ahagana mu bwatsi bwa Mirenge ku Ntenyo, akaba wenda yarahavanye igitekerezo cyo gukura mu nzira zibonetse izo ari zo zose, umutungo w'abazayirwa yarawusahuye none ubu barumiwe! Mu gihe kiri muni y'imyaka mirongo itatu yari ageze mu bakire badasanzwe ba Zaire, bityo ubukire bumugira umuzayirwa witaruye, aya mu bandi. Ngo umusasira mu kirambi...

Wa muntu wacu, yakwigira umuzayirwa mu bandi yakwigira uwitaruye, L'analyste yavumbuye ko ateye gitutsi. Akaba abana n'abo mu bwoko bwe cyane kurusha abandi. Ariko bakababazwa (Abazayirwa) n'uko mu mirimo myinshi Zaire yamushinze icyo atanyerereje umutungo ari yo mike. Abenegihugu buzuye baribaza amaherezo y'ubwo busahuzi...

Tumaze gusoma ibimwerekeyeho, dukurikije n'ubugome akorerera u Rwanda, twasanze twe tugomba kumuhishura tukamuvugira ku buryo bweruye. Mu by'ukuri, uwo muntu wigize umupfumu mu mpapuro, akaba yarigeze guhagararira inyungu za Zaire (nazo yarazirigishije) mu isosiyete nyamerika icukura Peteroli yitwa CONOCO, akaba yarigeze kubona ikiraka hamwe n'abandi mu kugeza amashyamba aya Inga ajya i Shaba uwavuzweho amagambo menshi ku bijyana na «Pont Maréchal Mobutu», ufite imigabane muri Safricas, Siemens

Zaire, muri Transafrica... akaba n'umuyobozi w'ikinyamakuru «Le Volcan» ni... ni Gahiga. Akaba mwene RUCIBIGANGO. Yavukiye muri Segiteri Kivumu, Komini Kigembe, Perefegitura Butare. Kuvuga ko ari umututsi w'impunzi uba muri Zaire biragoye, kuko nta cyemezo cyo kuba impunzi agira. Ahubwo nk'uko twabivuze, yabashije kuba umuzayirwa. Se yari yaranywanye n'umusushetu witwa KARIMUVUMBA wahungiyeye muri Zaire anyuze i Bujumbura, nyuma yo gukangwa na ka kajamba ko hambere «Démocratie d'abord...» ubu kamaze gushinga imizi.

Uwo muntu duhishuye niwe musemburo w'ikinyamakuru Le Volcan gikunze gusebya u Rwanda. Muribonera rero ko ntakabura imvano. Nyamara Abanyarwanda bashakira amahoro igihugu cyabo bazi neza kandi babifitemo ubushake n'icyizere ko bazatsinda Inkotanyi ku rugamba rw'amasasu bakanazazitsinda kurw'amagambo n'inyandiko. Naho «Muzuka GAHIGA» turamumenyeshako n'ubwo «Le Volcan» yayita Nyamuragira yo icumbikira abazimu, itazagera ku nshingano yahawe. Araruhira Nyanti umva ko bagira ngo iki?

TRIBALISME DE L'ÉVÊQUE DE GOMA

Goma, le 18 Février 1991

Transmis copie pour information aux :

- A Son Excellence le Nonce Apostolique
auprès de la République du Zaïre
- A Son Excellence le Président du Conseil Episcopale à Bukavu
- A Son Excellence l'Evêque du Diocèse
de Beni-Butembo

Objet: Tribalisme de l'Evêque de Goma

A Son Excellence Monseigneur MOSENGO
Président de la Conférence Episcopale
du Zaïre à KISANGANI

Son Excellence,

Le Diocèse de Goma est devenu le havre de la haine et de la lutte tribale provoquées par le comportement partial et fanatique de l'Evêque NGABU Faustin. L'alignement inconditionnel derrière la cause Tutsi au détriment des intérêts des autres ethnies font de ce pasteur un agent de la ségrégation. Les œuvres sociales du Diocèse sont le reflet d'un protectionnisme criant créé et alimenté par un clergé qui est déchiré par cette lutte tribale. Les ingérences politiques visant à protéger des intérêts inavoués compromettent gravement l'œuvre missionnaire de cet Evêque. Devant des tels agissements qui minent la foi et démobilisent les consciences des chrétiens, il est de notre devoir de dénoncer ce comportement qui par ailleurs a terni l'image de l'Eglise Catholique.

En effet devant un sentiment de haine tribale qui régnait au sein d'une certaine catégorie du clergé de son Diocèse, feu Son Excellence Monseigneur BUSIMBA avait cru bon de se choisir comme successeur l'actuel Evêque de Goma dont il était alors convaincu de la droiture et de la neutralité. Ce dernier ne tardera pas à manifester ses vrais sentiments en épousant corps et âme l'idéologie Tutsi sous prétexte de protéger la minorité. Ainsi aides matérielles et sociales seront accordées aux seuls Tutsi à travers CARITAS. Leur immigration sera facilitée et protégée par l'Evêché de Goma. Toutes les facilités leur seront

accordées. L'Evêché leur servira de relais avec l'étranger. Les véhicules de l'Evêché leur seront accordés alors qu'on les refuse même aux prêtres. Lors du synode initié par le Diocèse, tous les chrétiens y invités ont dénoncé des injustices. Les bourses d'études sont accordées aux seuls enfants Tutsi et même des bienfaiteurs leurs sont cherchés.

La composition du clergé du Diocèse dit long sur le processus du renforcement de la ségrégation. Cette ségrégation est perçue dans les attributions des fonctions. Les postes économique-financiers ont toujours été tenus par des Abbés Tutsi malgré les apparences d'un certain changement. Certains Abbés Tutsi se mettent à maudire les membres d'autres ethnies lors des sermons et ce devant la table du Seigneur. D'autres entretiennent des familles sur base ethnique. La composition des communautés des sœurs et des frères prouve également à suffisance les conditions de recrutement. Certains sont écartés alors que d'autres ne sont pas sanctionnés pour les mêmes fautes. Les Tutsi sont encouragés mais d'autres découragés à entrer dans des couvents. Le recrutement au Petit Séminaire se fait sur base tribale.

Dans les écoles, la frustration est grande. Les promotions aux fonctions de directeur et préfet se font sur quotas tribal et ce au profit des Tutsi. La seule ville de Goma reflète à suffisance cette réalité. Sur 6 chefs d'Etablissement du secondaire, 3 sont Tutsi. Des trois écoles dirigées par les Tutsi, 50% des professeurs sont des Tutsi et il en va de même des élèves. Les écoles à intérêt stratégique sont dirigées par des chefs d'Etablissement Tutsi qui recrutent des professeurs et des élèves Tutsi. Les chefs d'Etablissement Hutu ont été spécialement destabilisés cette année en leur faisant subir des mutations intempestives sans leur accord. Le scandale est qu'après les avoir défavorisés, il leur était imposé d'écrire des lettres de demande de mutation comme si cela provenait de leur volonté. Des chefs d'Etablissement et des conseillers Tutsi sont choisis afin de jouer à la destabilisation.

La tribu Tutsi n'a jamais atteint les 10% de la population de la Région.

Pendant l'année écoulée, ils occupaient des postes de directeurs à raison de 30% dans la Zone de Goma, 20% dans Rutshuru et 30% dans Masisi tandis qu'au secondaire la proportion était de 50% à Goma, 20% dans Rutshuru et Masisi. La répartition des professeurs Tutsi dans les écoles secondaires est flagrante surtout dans celles dirigées par des chefs d'Etablissement Tutsi et il en va de même pour la population scolaire. Nous retiendrons la répartition suivante pour les professeurs Tutsi :

Lycée Amani	50%
Lycée Anuarite	55%
Institut Mwanga	35%
I.T.I.G.	18%
Institut Rutshuru	42%
Institut Matanda	40%
Institut de Bibwe	70%
Institut Mahanga	57%

Les données sur la réussite à l'examen d'Etat en 1990 nous permettent d'établir quelques échantillons quant aux inscriptions et au recrutement des élèves Tutsi :

Lycée Anuarite	66%
Institut Mwanga	50%
	40%
	37%
Petit Séminaire (C.A) (latin-phil) (bio-chimie)	85%

Par ailleurs, l'Evêque NGABU s'est tellement engagé dans la politique si bien qu'il a oublié sa mission religieuse. Il noue des alliances en vue de destabiliser un pays voisin. Dans les Paroisses, il a oublié les visites pastorales mais multiplie les rencontres politiques. Il applique la politique du caméléon et de l'autruche. Il joue au camouflage et au cache-cache. Il n'est pas l'homme de vérité qu'un pasteur doit être. Ses visites sont pour les riches et les Tutsi. Il est tout le temps absent du Diocèse et reste invisible quand il y est. Les fidèles connaissent très mal son programme de travail. Il dirige le Diocèse à distance. Quand il va en Paroisse, il y arrive tard et en sort très tôt le matin. Il n'a pas de temps pour le dialogue.

Ses prises de position n'ont plus de secret pour personne. Dans la Paroisse

de Rutshuru il y a eu dernièrement des réfugiés en provenance du Rwanda. Les premiers à arriver étaient des Hutu et l'Evêque n'a pas levé son doigt pour leur venir en aide mais quelques temps après quand il y a eu des réfugiés Tutsi, le brave Evêque a remué ciel et terre pour leur apporter soutien et reconfort. A Goma que ne clame-t-il pas dans les églises dans les sens d'aider les rebelles qui pourtant causent pas mal de deuils. Il va jusqu'à repartir les fidèles et leur désigne les réfugiés rebelles à aider et même ceux qui sont en prison pour avoir servi avec des armes.

Les chrétiens du Diocèse de Goma sont excédés par les injustices de l'Evêque NGABU. Ses choix tribaux et ses ingérences politiques découragent même les croyants les plus fidèles. La foi est profondément ébranlée et les abandons se multiplient. Ainsi nous sollicitons votre intervention auprès de Sa Sainteté le Pape pour qu'il transfère cet Evêque ailleurs.

1. MUHOMBO Déo
2. PALUKU Jean Pierre

3. BALENI Pascal
4. SEMUCO Désiré
5. SENTABIRE Honoré
6. MUHINDO Paul
7. BAHATI Aloys
8. ZAWADI Adèle
9. HABIMANA Jean
10. VUNABANDI Thomas

ABATUTSI BI NYAMATA BARAHUNGA IKI?

Kubera ubushobozi n'ubwitange ikinyamakuru cyanyu cyamaze kugaragariza abakunzi bacyo, nanjye nifuje ko mwangereza ku bo duhuriye ku rukundo rwa KANGURA iyi nyandiko, cyane cyane muri iki gihe tugihanganye n'umwanzi, igihe buri munyarwanda w'inyangamugayo akwiye gushyiraho ake, ngo amahoro, ituze n'ubusabane, twese abana b'u Rwanda twari twisanganiwe bisagambe. KANGURA rero, nkundira nkwitumire.

Kuva aho duterewe n'inyangarwanda, Inyenzi ziturutse i Bugande, twe ino i Nyamata (Kanzenze) twakomeje kurangwa n'ituze, kuko nta bitero byigeze bihagera, ariko ntitwabuze kugira ubwoba cyane cyane ko ibihuha byavugaga ko inyenzi zishobora gutera mu Bugesera. Ubwo bwoba rero bwarushijeho kuba bwinshi kuva tariki ya 15 Gashyantare 1991, ubwo Perefe BAGAMBIKI yaremehaga inama y'umutekano, agatangaza amazina y'abasore n'inkumi b'abatutsi batorotse bajya i Burundi, yatangaje abarenga 30, ariko icyatangaje benshi kandi gikomeje gutera ubwoba, ni uko ababyeyi b'abo bana biganjemo abanyeshuri biga muri APEBU (ishuri ryigenga ry'Ababyeyi mu Bugesera), batigeze bagira icyo bavuga kuri uko gutoroka k'urubyaro rwabo; uretse umudamu (w'umuhutu-kazi) wasobanuriye abari mu nama ibyo yabwiye n'umwe mu banyeshuri biga aho (ariko we yanze kugenda). Uwo mubyeyi yavuze ko ngo i Burundi basangayo RWIGARA Assinapol, akabaha amafaranga, abandi akabaha amashuri bakiga.

None se nk'uko babyivugiye, niba

urubyaro rwabo rugenda batabizi, habuze n'umwe wavugira abo bose? Ikindi kirushijeho gutera abantu benshi ubwoba (ahanini abahutu), ni uko uko bagenda kutazwi! None bazitwikira ijoro bakaza ko aho banyura harinzwe n'Ingabo zacu. Urumva badafite amayeri ahambaye? Reba ko nyuma y'inama ya Perefe bakomeje kugenda, wenda n'ubu baracyagenda! Turibazaz rero niba i Nyamata nta byitso byaba byaratugezemo, cyane cyane ko na wa mugabo MUNYAMBARAGA wari ushinze «Groupe de reflexion» ku mpunzi z'i Bugande afite isambu muri Komine Kanzenze ahitwa Nyiramantuntu, none se ubwo none yaba yarahashyize imbuto y'ubukotanyi? Ubwo se dukomeze twizere ko SUDI MUJEBI w'umugande bavuze ko ari we warokrise abo baturanyi bacu ko ari we wenyine wabikoze atari asanzwe aba i Nyamata? Yahazanywe na nde? Ese aho none «Nouveau riche» wavuzwe muri KANGURA N° 10 yaba afite uburyo akorana n'abanyabugesera (bamwe)? Ubwoba njye bwaranyishe maze gusoma KANGURA N° 10 kuri uwo mugabo ukorera HCR (Nouveau riche). Urumva se ibiba inaha iwacu bidasa n'ibyo wamuvuzeho?

Rwose twamaze kwizera ubucukumbuzi bwanyu, nimunyarukire muri aka karere kacu, muturebere niba nta gitotsi kiturimo, maze dusubirane ihumire twari twisanganiwe.

Kuri ibi kandi ndongeraho ko aho banyura haba ari naho hanyura ibicuruzwa bya magendu birimo za Kiyago (itabi rikorerwa i Burundi). None se ko tuzi ko abaduwanije bahari,

abasirikare bakaba buzuye ishyamba rya Kubugabuga, amato akaba yarahagaritswe mu biyaga (uretse ay'abarobyi), ubwo se tuzemeze ko bigenda bite? Twe birenze ibitekerezo byacu, nta kuri twemeza kuri ibyo. Kereka umuntu uzi guperereza bihanitse. Izo magendu zitwarwa n'amagare, abatuye mu masegiteri duturanye ari ku muhanda Nyamata-Gako barayabona. None haba hazamo ibisasu cyangwa ibibunda bigahishwa aho tutazi?

Bavandimwe ndavuga ab'inyangamugayo, rwose nimureke turuhure Umukuru w'igihugu n'Ingabo zacu badahwema kudushakira amahoro. Twe kwanga amahoro ntacyo atwaye. Tureke ubwiru ku byahungabanyanga amahoro akarere kacu kifitiye.

Umusomyi wa KANGURA i Nyamata.

Ibikorikira urup. 10

médiatique et d'un espoir de sa prise du pouvoir se fonderaient sur le résultat de cette erreur grave et inexplicable. La maîtrise des données devraient requérir l'attention et la prudence qui exigent une analyse et une décision politiques qui concernent tout un peuple.

Gallican MUGABONAKE

BATEGETSI BA KOMINI GISHYITA MURABE MASO, PASITORO IYAMUREMYE AMONI NTAZABAGWE GITUMO.

KA021295

Ingoma y'ubwami inyenzi-nkotanyi zishaka kwimika mu Rwanda, bamwe mu bakristu bayitiranyije n'Ingoma y'Imana muri Yezu Kristu. Kugaruka kw'inyenzi-nkotanyi zitwaje ibibunda bya rutura ziherekeje umwami wazo, zica abaturage, bamwe mubavugabutumwa bw'Imana baba barabyibeshyemo kugaruka kwa Yezu Kristu igihe azaza ashagawe n'Abamalayika. Ibyo birababaje cyane kuko Bibiliya yera atari ko ibisobanura; abo bantu rero baba bakomeye mu madini yabo cyangwa se horoheje, bari bakwiye kwongera kwivugurura bakareka kuba ba NYAMUJYIRYANINO, bakareka kuba ibirumirahabiri. Niberure babe aba politisiye cyangwa se babe abavugabutumwe.

MBEGA KWIYOBERANYA!

Ngabo kumanywa na za Bibiliya, n'Amashapule, n'Imisalaba, n'ibindi n'ibindi. Maze haba mu ma saha y'akazi cyangwa atari ay'akazi bakambarira gukotana.

Imana ishimirwe ko yamaze kwereka bamwe mu bategetsi b'Igihugu cy'u Rwanda ko no mu bakorerwa Imana gusa, haba harimo ibyitso. Ahubwo nimubirandurire kubimara kuko bitabaye bityo, ibyo byitso byiteye Bibiliya yera, Amashapule, Imisaraba n'ibindi byose byazatuma inkotanyi zitumara, byitwaje ngo birakorera Yezu.

Bategetsi rero, niba umupasitori, cyangwa undi wese waba yitwaje ngo avuga ubutumwa bw'Imana, abonetseho ibimenyetso simusiga, nahanwe nk'uko Umubyeyi w'Igihugu cy'u Rwanda yabivuze, mwe guca inkoni izamba mumwohereza muri komini avukamo nk'aho ari ho hari Ingabo z'Igihugu nyinshi. Ese ni kuki umuntu nk'uko atafungwa hamwe kimwe n'abandi bose babonetsweho n'ubugambanyi bwo guhungabanya umutekano w'Igihugu?

Basomyi mukunga KANGURA kimwe nanjye, reka noye gukomeza kubicisha amatsiko namwe muce urubanza muri gacaca. Ngiye kubaregera umugabo witwa Pasitoro IYAMUREMYE Amoni wo mu itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa karindwi, akaba akora muri yunoni yabo i Kigali.

Aho uwamurega muri gacaca ko ari icyitso cy'inkotanyi yazashobora kwisobanura?

1. Bija gutangira yakotanye afatanije n'uwitwa NSABIMANA Jonatani, umugabo ukora muri N.A.H.V. i Kigali, bati turashaka ko KAYIGEMA Jacques aba Diregiteri w'ishuri ry'Ababyeyi riri ku Kabusunzu i Kigali. Umutwe ushya buhoro, bukeye urabapfubana. Dore ko uwo KAYIGEMA Jacques Leta yamutahuye rugikubita, none akaba afunze bukotanyi cyangwa ari icyitso.

2. Intambara itangiye, si ugukoba karahava, afunguza abo yashoboye gufunguza bose, dore ko radiyurunwa yavugaga ko uwari ushinze Ubutabera mu Rwanda yari yaramenyaniye n'uyu mupasitoro IYAMUREMYE Amoni kwa Nyakwigendera RUTABAGISHA Amiel (Imana imuhe iruhuko ridashira), dore ko ngo bifatiraga icyo kunywa bigatinda. Dore ko abanya Kibuye bafunguwe hano i Kigali ahari no Kibuye baruta uburo buhuye, dore ko RWIGARA yari yaragakoze ko gusansibiliza bene wabo bose bo ku Kibuye! Niba mbeshya muzarebe ko ibyitso byo ku Kibuye byose bya hano i Kigali bitarimo bicungana n'iminsi. Buretse IYAMUREMYE Amoni natabibanziriza gutoroka azabitorokeshya.

None se ko yatorokeshye umuhungu we IYAMUREMYE Uziza? None se ko yatorokeshye umukwe we MUNYANDAMUTSA Issakari alias Pasitoro (mukuru wa RWIGARA Assinapoli) inkotanyi kabuhariwe? None se ko yatorokeshye umukobwa we MUKANGARAMBE Matilda amunyujije iya Zaire-Goma kwa Pasitoro MANDANDI Filipino utunze mushiki w'uyu IYAMUREMYE Amoni?

Ishyano ryari riguye!

Ishyano ryari riguye iyo intambara itera Diregiteri wa APACE ari KAYIGEMA Jacques. Basomyi ba KANGURA rero, utazi iryo shuri

nakomeje kuvuga rya APACE, riri ahitegeye Camp militaire ya Kigali, Etat Major, Radiyo Rwanda, Perezidansi ya Repubulika. Inkotanyi RWIGARA n'abo bese bararishatse urabananira basanga ababyeyi barishyizeho abenshi batazi impamvu birananirana.

Ahubwo wagira ngo uwitwa NSABIMANA Jonatani ajya gusaba kiriya kibanza yari yaranoshewe ku migambi y'inkotanyi, dore ko nawe umukwe we RUHAMYAMBUGA Paul n'umukobwa we UWAMAHORO Jacqueline wigaga muri iyo APACE bashakaga kugira iy'inkotanyi, ubu yahafashe we n'umugore we bakaba bari gukotanira i Burundi.

Mbese ugira ngo iyo rya joro ry'iya 4 rishyira iya gatanu Ukwakira 1990 ribamo ya ntambara y'i Kigali, KAYIGEMA Jacques ari Diregiteri wa APACE nk'uko byifuzwaga, maze bakahashinga bya bibunda byabo bya karundura bikaraswa n'inkotanyi yari kuba yaranyanyagijemo za cartes d'étudiant za APACE, ugira ngo ntibari kurasa n'i Kanombe bari ku Kabusunzu? Ahaaa! Imana yarakoze.

Mbese amahirwe muyo twagize, ni uko habaye Diregiteri batinye kumenera amabanga yabo, uretse ko umenya n'ubu urwango ari urunuka hagati ye na Pasitoro IYAMUREMYE Amoni.

Uretse ko uyu mu Diregiteri na we umuena ari igihangange; umuntu watinyutse kutavuga rumwe n'uriya mugabo usaziye muri politike yihishe mu bupasitoro yikingiriye Bibiliya yera! Bizwi na bene wabo bo ku Mugonero uko yayikinnye muri Repubulika ya mbere! Niba mbeshya bazanyomoze.

Banya Mugonero, muribuka muri 1965 agatsiko kari Kayobowe na Pasitoro IYAMUREMYE Amoni k'aba pasitoro kavukire birukanisha Abavuzi bitaga abanyenduga bakagarurwa na Perefere wari ku Kibuye? Muribuka se mu wa 1966 IYAMUREMYE Amoni afatanyije n'abatutsi bakoranaga mu Misiyoni ya Ngoma (ikibaho), ukuntu bashyigikiye ibitero by'inyenzi zo muri icyo gihe; yabonaga byakomeye yavumbuwe agahakwa ku bazungu b'abamisiyoneri bakoranaga bakamuha

misiyo itagira igihe izarangirira, ubwo baramu be bombi ari bo Pasitoro MADANDI Filipino na KAJONGI; bakaba bo babuze aho banyura bagafatwa bagafungwa kubera inyenzi, noneho we akagaruka bimaze kwibagirana!

Ntimwaba se mwibuka mu wa 1970, ko icyo atagira abazungu bakoranaga, nabwo ibibazo bya politike byari byamubanye insobe maze agahabwa ishuri ahunze, nguwo i Bugande nguwo za Filipine, nguwo za Rodeziya, nguwo za Libani nguwo za Burundi, noneho akabona akagaruka.

None rero bantu bo muri Gishyita, uyu mwaka ushize n'uyu twatangiyemo yawukozemo amarorerwa azenze ahari ayicyo gihe, Bibiliya Amoni IYAMUREMYE yitwaza, iravuga ngo WASIWE UBONYE ISHYANO, kuko umanukiye n'umwanzi w'ibyiza: «Shitani».

Nawe Komini Gishyita yo muri Kibuye, ubonye ishyano wowe ugiye guturana na IYAKAREMYE Amoni wihishe mubupasitoro. Gishyita we! uragowe gusa. Ndamubona agutorotse yimanukiye Kigarama yose, Mwumvero cyangwa Mpembe - Idjwi - Zayire cyangwa Mugonero - Cyangu - Burundi, asanze abakwe be! Uzamucungira hamwe azaca ahandi urabeshya nawe ni inkwakuzi. Mutinye umugabo utorokeshya abe bese ntihagire n'inyoni ibimenya, kandi ari mu gihe harimo za baliyeri hose na ba maneko b'ingiri zose.

Cyakora ubwo murimo abavukanye nawe benshi, mushobora kuzamenya amayeri akoresha yose ntabacike. Uretse ko nadatoroka nabwo mfite impungenge z'abana biga muri secondaire ya ESAPAN, buriya agiye kurikubita agashoka yari yashatse gukubita irya APACE.

Babyeyi rero murabe ahirengeye, kugira ngo adasopanya abo bana yitwaje ko iryo shuri abakwe be RWIGARA Asinapoli binyuze kuri MUNYANDAMUTSA Issacar bari barikomemeyemo, muhumure baratorotse nta jambo bakirifitemo, muzamuheze atazaribibamo urukungu. Abadivantsiti nabo nibakomere kuri ririya ryabo ry'ubuvuzi, nibatareba neza ararivunira umuheto yitwaje ko ari pasitoro wabo. Abatamutinya sinzi uko baba bameze! Uzi ko radiyo-runwa ivuga ko na bamwe

mu bazungu bo muri Kaminuza y'i Mudende, ari we ubakoresha ngo icyo Kaminuza ifungwe! Uretse ko bitaba bitangaje aramutse nabyo abikoze. Ese ko kwisobanura haba mu cyongereza haba mu gifaransa, haba mu giswahili, haba mu kinyarwanda kivanze n'ikirundi, ntaho ategwa. Kandi rero ngo gushobora abazungu bakorana, dore ko ari n'umutegetsi, nta dakika. Ni ako kanya umuzungu nawe akaba arabyemeye ati: «tuyafunge koko»!

Ahubwo ku Kibuye nimudahangaza, abazungu baramubatwara wenda bababeshya ngo agiye kwihugura, cyangwa se ngo agiye muri misiyo. Azagende mpiru na nyoni muzaba mureba. Babyeyi bo ku Mugonero, nimwisuganye yaje bitarenze tariki ya 18/3/1991, mubungabunge umutekano w'abo bana nyamuna. Leta nayo ni Umubyeyi, wabona izamufatira ibindi byemezo birenze biriya byo kumujyana guteza imvururu mu mashuri yo ku Mugonero. Wenda bakamufunga nk'abandi bese bashatse guhungabanya cyangwa bahungabanije umutekano muvavukarwanda n'abanyeshuri ba APACE barimo.

Ese ubundi kuki yakomeza kwiyoberanya? Ibimenyetso simusiga bisigaye n'ibihe ngo icyo cyitso gifatwe? Niba mubeshyera ndamusaba kuzansubiriza muri KANGURA y'ubutaha, naho ubundi azaturize aho leta yamwohereje nk'uko iyi baruwa yandikiwe umusomyi wa KANGURA.

DORE IBARUWA UBUYOBOZI BWA KOMINI NYARUGENGE BWANDIKIYE PASTEUR IYAMUREMYE:

**REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE LA VILLE DE
KIGALI
COMMUNE NYARUGENGE**

Nyarugenge, le 18/2/1991
N° 307/040/

Au Révérend Pasteur IYAMUREMYE Amon
Secteur Nyakabanda,
Commune Nyarugenge
S/C de Monsieur le Préfet de la
Préfecture de la Ville de Kigali
(sé)

Révérend Pasteur,

J'ai l'honneur de porter à votre connaissance que pour des raisons de

sécurité, nous nous voyons dans l'obligation de vous interdire la résidence en Commune Nyarugenge.

En effet, nous portons à votre charge plusieurs accusations:

- 1) Etre à la base des conflits ethniques qui ont failli naître des troubles au Collège APACE de Kabusunzu.
- 2) Etre imperméable aux injections des membres du Comité de cellule Munanira.
- 3) Semer un mauvais climat au sein du Secteur et de la Commune suite à la fuite de votre fils IYAMUREMYE Uziza, votre fille MUKANGARAMBE, et vos beaux fils MUSONI Tite et MUNYANDAMUTSA Issacar alias Pasteur, grand frère de RWIGARA Assinapol.
- 4) Refuser à la population de votre Cellule de l'eau alors que la borne fontaine que vous avez reçu de l'Electrogaz doit servir à l'alimentation de la population.
- 5) L'absence de collaboration avec les autorités du Secteur Nyakabanda et la Direction du Collège APACE.
- 6) La tenue dans votre domicile de réunions secrètes et suspectes.
- 7) L'outrage et la rébellion envers les dépositaires de l'autorité et de la force publique.

Tenant compte de ce qui précède et sur base de l'article 15 du Décret-loi N° 08/81 du 16 janvier 1981 sur le récépiment, la carte d'identité, le domicile et la résidence des Rwandais, je vous interdis la résidence en Commune Nyarugenge que je vous demande de quitter dans un délai d'un mois à compter de la signature de la présente.

Je vous saurais gré de rejoindre la Commune Gishyita, Préfecture de Kibuye où les autorités locales qui me lisent en copie voudront bien surveiller votre comportement.

Le Conseiller du Secteur Nyakabanda est prié de vous retirer votre permis de résidence.

Le Bourgmestre de la Commune Nyarugenge,

BAKOMERA Jean Pierre
(sé)

Copie pour information à:

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise KIGALI
- Monsieur le Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal KIGALI
- Monsieur le Ministre de la Défense Nationale KIGALI
- Monsieur le Secrétaire Général du Service Central des Renseignements KIGALI
- Monsieur le Président du Tribunal de Première Instance KIGALI
- Monsieur le Procureur de la République Parquet de KIGALI
- Monsieur le Préfet de la Préfecture de KIBUYE
- Monsieur le Bourgmestre de la Commune Gishyita KIBUYE
- Monsieur le Conseiller du Secteur Nyakabanda KIGALI

KANGURA ISIGAYE IVUGISHA BENSHI N'AKARI IMURORE!

Mu gihe abantu benshi bashakashaka Kangura ngo bayisome nibarangiza bayibike, hari ibyitso byinshi yateye igitutu maze bikavuga n'akari imurore. Mwese muzi ko hari ibyitso byigize nyoninyinshi ariko bikanga bigatahurwa; ariko hari ibindi byitso byinshi bitaragezwa mu maboko y'ubutegetsi.

Uwo ntangaho urugero ni **umupadiri wo muri Paruwasi ya Busasamana** (Komini Rwerere) wakoze uko ashoboye ngo yangishe abakirisitu Kangura mu nyigisho yatugejejeho mu misa yasomye ku wa mbere mu gitondo tarikiya 31 Ukuboza 1990. Muri izo ngirwa nyigisho ze yagerageje kumvisha abakirisitu ko Kangura ari mbi ariko biramunanira kuko abakirisitu benshi twamwimye amatwi.

Uwo mu padiri ati Kangura ni mbi kuko ivangura amoko. Arayibeshyera kuko gusaba abahutu kwivuzwa ya ndwara SEMUSAMBI Felesiyani yise «muraramo» bakamunya ko igihe babana n'indyadya nabo bagomba kuba indyamirizi si ukuvangura amoko. Ahubwo ndemeza ko ari ukwereka buri munyarwanda icyo agomba gukora kugira ngo Demokarasi irushaho gushinga imizi mu Rwanda.

Yakomeje ashaka kutwumvisha ko ubwo Kangura ari mbi, umukirisitu mwiza atagomba kuyisoma. Aho kuba umukirisitu udasoma Kangura, ahubwo n'ubwo bukirisitu nabureka. Ese aratangisha Kangura yitwaje ubuhe burenganzira? Imana ko ariyo idufite ho ubushobozi bwose, ishobora kudukoresha ibyo yishakiye, ntiryaturekeye uburenganzira bwo gukora icyo dushatse. Bityo buri muntu akazahamirwa amakosa yakoze.

Uwo mupadiri ati Kangura ni icyo kurangaza abaturage. Nareke kuturangaza ariwe maze adusobanurire impamvu abakirisitu ku cyumweru tariki ya 30 Ukuboza 1990 benshi basohotse misa itarangiyeye!! Ese ashobora kudasobanurira atabeshya, ibyo yakoraga mu mahanga mu kwezi kwa 7, 8 n'ukwa 9/1990. Erega uwububa abonwa n'uhagaze!!! Muri iki gihe cy'intambara ashobora gusobanura amavu n'amavuko y'abashyitsi b'urudaca yakiraga muri iyi minsi? Ese

ashobora gusobanura ikimutera buri gihe gusura abantu bamwe (ndetse n'abatabatije) kandi abo bantu akajya kubasura akenshi nijoro?

Mu bantu yasuraga cyane harimo uwitwa SEKABENDE ushobora kuba atazi no gukora ikimenyetso cy'umusaraba. SEKABENDE wasurwaga na Padiri abaturage ntibamushira amakenga kuko ari inshuti magara ya ya nkotanyi RUZIBIZA ubu watorotse. Ubwo bucuti bw'abo bagabo bombi bugaragarira mu isurana ryabo kandi ubusanzwe bafite ibintu bike bibahuza. Kuko SEKABENDE ari umupagani w'umushumba naho RUZIBIZA ni impunzi y'umudiventisiti wigishaga muri Kaminuza i Mudende. Cyane cyane ariko ubucuti bwa RUZIBIZA na SEKABENDE bugaragazwa n'uko RUZIBIZA yavanye umukobwa wa SEKABENDE muri CERAI akajya kumushakira ishuri i Masisi (Zayire).

Ikibabaza abaturage cyane ni uko hari abategetsi babaye abayuda hejuru ya za bihogo! Ndetse abategetsi bakagera n'aho bafunga abaturage basabaga isakwa rya SEKABENDE. Cyane cyane igihe abaturage bakekagaho ko RUZIBIZA yari amaze guhisha inkotanyi kwa SEKABENDE. Kugira ngo izo nkotanyi zibone uko zihungira muri Zayire nijoro, dore ko n'amarondo ya nijoro muri Rwerere yatangiye gukorwa mu kwezi k'Ukuboza 1990.

Nyamara kuva iyi ntambara igitangira, twasabye abategetsi ba komini gusaka uwo mu padiri buranga kubera ya ndwara y'umusinzira ibugeze ahamanuka!! Ubwo butegetsi se iyo budasinzira ubu ntibuba bwarashyikirije RUSESA ubucamanza kubera ko hari ibimenyetso byerekana ko ari icyitso cy'inkotanyi.

- Rusesa utuye i Busumba ku mupaka w'u Rwanda na Zayire n'incuti ikomeye ya Kajuguhakwa.
- Rusesa afite inkotanyi zizageruza abahutu kuko afite umwana witwa Nkotanyi undi witwa Rugeraza-bahutu!
- Rusesa ajya muri Zayire uko yishakiye adasabye uruhusa rwo kuva mu gihugu ajya mu kindi.
- Muri iki gihe cy'intambara Rusesa


KA021297


acumbikira abanyamahanga. Kuko hari umukobwa wafatiwe muri Mutura atemberana n'umukobwa wa Rusesa bombi batagira ibyangombwa. Uwo munyamahanga ngakazi ngo yavugaga icyongereza n'ikirundi gusa. Abakurikiranyeye icyo kizungereze bavugaga ko cyari kinjye mu nkotanyi zari zikambitse mu ishyamba ryo muri Zayire ariko zikiyita abashumba!!

Kubera kubura gitabara, twari twaracecetse, ariko kuriya kutwangisha Kangura kwa Padiri NSENGUMUREMYI Vianney, kwatumye nandikira Ikinyamakuru Kangura. Nyisaba kuzantumikira, ibwira Musenyeri ko abakirisitu tudashaka abapadiri batwinjizamo ibitekerezo by'ingoma ya Cyami.

Murakoze.

Umukirisitu wo muri Paruwasi BUSASAMANA.





Son Excellence Monsieur George BUSH, Président des Etats-Unis, Champion de la Démocratie et des droits de l'homme.

Vive la coopération entre les Etats-Unis et le Rwanda

